	Uburyo bwo gukusanya, gutunganya no gukwirakwiza amakuru kuri filiyeri y'imbuto mu Rwanda	Kode y'inyandiko: 41KR159I168v0
	IGICE CYA 4 : UBUMENYI BW'IMIKORERE MU BYA TEKINIKI	Itariki yo kujyanisha inyandiko n'igihe UKUBOZA 2007
IFISHI YA TEKINIKI ZO GUHINGA KIJYAMBERE : IBIJUMBA		Inyandiko ikomatanyije

Inkomoko y'inyandiko	AJENDA Y'UBUHINZI / MINAGRI

Itariki inyandiko yasohokeyeho	2002

Umubare w'amapagi	2

IFISHI YA TEKINIKI ZO GUHINGA KIJYAMBERE : IBIJUMBA

1. Aho bikunda: Inkombe z'i Kivu n'Urubuye, Umugongo, Mayaga n'Umurambi w'iburasirazuba

2. Ubutaka: bworoshye, buhitisha amazi, kandi budafite imborera nyinshi.

3. Amoko yamamazwa: Mugande, Kwezikumwe

4. Ifumbire y'ibibora: Kg 100 kugeza kuri 200 z'ifumbire kuri ari 1

5. Igihe cy'itera: - imusozi: Nzeri, Werurwe
- mu gishanga: umwaka wose

6. Igerambuto: - ingeri 1.000 kuri ari 1
- kw'ibimba: ingeri 2 buri cm 20 kugera kuri cm 30.
Hagati y'ibimba n'irindi hajyamo cm 60 kugera kuri cm 90

7. Kubikenura: kubagara igihe ari ngombwa.

8. Ifumbire y'imvaruganda: Kg 1,5-3 za NPK 17-17-17 kuri ari 1 imigozi itangiye gufata

9. Indwara n'udukoko:

a) Kagungu:

Irindi zina: **Acraea acerata (Utunyabwoya)**
Aho ifata: amababi
Ibimenyetso: ku bibabi hazaho ibyari byuzuye ibisangungu (chenilles). Nyuma y'ibyumweru bitatu, ibyo bisangungu bikarya amababi kugeza ashizeho.
Kuyirwanya : - gutora ibyari na kagungu nkuru bigatwikwa;
- gutera sumitiyo 3% y'ifu, Kg 20 kuri hegitari;
- gutera kare imigozi kugirango igihe cy'izuba kizasange yarakuze neza;
- sumithion 50% ml 40 muri litiro 20 z'amazi kuri ari 1
- sumikombi 30% ml 10 muri litiro 10 z'amazi kuri ari imwe

b) Imungu:

Irindi zina: **Cylas spp (Igisavumvuri)**
Aho ifata: ku bijumba no ku gihimba (ku nkondo)
Ibimenyetso: Imungu icukura imyobo mu kijumba, ibyana akaba arimo byibera. Uduhumyo na bagiteri biboneraho bikinjira muri ya myobo maze ibijumba bikabora. Imungu irya n'amababi y'imigozi.
Kuyirwanya: - gutera imigozi y'ubwoko bwera vuba;
- kwirinda gutera imigozi ivuye mu murima wari warwaye imungu;
- gusukira imigozi;
- gushyira imigozi mu ngarani nyuma y'isarura.

c) Antarakinoze :

Ikiyitera : **Alternaria sp (agahumyo)**
Aho ifata : ku duti no ku nkondo y'ibibabi
Ibimenyetso : habanza ibidomo by'umukara bifite isura nkiy'umwungu wiburungushuye. Ibyo bidomo bishobora gukura bigatera uguhinduka kw'ahafashwe ku buryo

hagati hahinduka umweru hagahita hapfa. Iyo ibyo bidomo bikuze bikurikira uburebure bw'umugozi, amababi menshi arahunguka.

Uko bayirwanya :

- gukoresha amoko arwanya iyo ndwara cyane cyane iyo ari mu misozi miremire
- gutwika imijumbajumba yarwaye ukimara gukura ibijumba
- gutera ingeri 2 z'imigozi zitarwaye iyo ndwara.

10. Igihe byerera: kuva ku mezi 3 n'igice kugeza kuri 6

11. Umurumbuko: - Kg 200 kugeza kuri 300 kuri ari, mu buryo bw'ubushakashatsi

12. Uko bihunikwa: bikurwa igihe babikeneye. Muri Tanzaniya, barabiteka, bakabyanika maze bakabika ifu ikorwamo umutsima.